CHARLES “CHIC” SHAVER

# UBU NDI UMUKRISTO

Inyigisho za Bibiliya z’Ibanze z’Urubyiruko

Inyigisho za Bibiliya z'Ibanze z'Urubyiruko
Charles "Chic" Shaver

Copyright © 2024
Nazarene Publishing House
Izi nyigisho zateguwe n'umuryango mpuzamahanga w'urubyiruko witwa Nazarene Youth International

Mark Gilroy, Uwakosoye igitabo
Janice J. Greeno, Uwafashije mu gukosora igitabo

Ibyanditswe byose bivugwa muri iki gitabo byakuwe muri [BIBILIYA IJAMBO RY'IMANA]

# Amabwiriza y'Uwo mwigana

Urakoze kwemera gukorana n'uwizeye mushya!

Izi nyigisho ziteguwe mu buryo ubasha gutanga isomo 1 buri cyumweru. Ayandi masomo ukwiye kuyateganyiriza ikindi gihe.

## 1. Intego y'izi nyigisho za Bibiliya

Intego y'iki gitabo ni ukugira ngo abakristo bashya bahabwe ubufasha, ubujyanama kandi baterwe intege n'inshuti yabo ikijijwe. Inshingano yawe ni ukwigana na bo Ijambo ry'Imana. Gusengana na bo no kumarana igihe na bo. Izi nyigisho zizagufasha kubigeraho.

## 2. Muhure vuba

Haranira guhura n'umukristo mushya vuba bishoboka, bitarenze byibura amasaha 24 mumaze kuganira. Mukoreshe uwo mwanya musengera hamwe. Hanyuma, umuhe Isomo N. 1 n'Umurongo wo Gufata mu mutwe N. 1 (wakuye ku rupapuro).

## 3. Tegura buri somo

Subiramo buri somo mbere y'igihe. Niba ufite ikibazo ku bisubizo by'ukuri cyangwa ubusobanuro bw'imirongo, shaka umwanya wo guhura n'umushumba wawe cyangwa umuyobozi w'urubyiruko mubiganireho. Muri buri somo umukristo mushya agira umwanya wo kwandika ibibazo afite. Udashoboye kubisubiza wakwiyambaza umushumba wawe cyangwa umuyobozi w'urubyiruko mbere yo kongera guhura.

## 4. Shyiraho igihe cyo guhura gihoraho

Tegura igihe cyo guhura buri cyumweru gihoraho n'aho guhurira mu gihe cy'ibyumweru umunani. Bibaye byiza haba mu rugo rw'umuntu. Muri buri somo, musubiremo isomo ry'ubushize, emeza ko bafashe mu mutwe umurongo wo kuzirikana, maze ubahe isomo rikurikira n'umurongo wo gufata mu mutwe. Komeza gukora gutyo kugeza aho ibyumweru umunani birangiye.

Niba umukristo mushya atarangije isomo, fata umwanya muryigane hamwe.

## 5. Bashishikarize gukura mu mwuka

Fata umwanya buri cyumweru wo gusuzuma urugendo rwabo rw'umwuka. Bashishikarize kwandika ibyo batekereza mu gice cyitwa "Urugendo rwanjye rw'umwuka." Mufate igihe cyo gusengera hamwe. Iyi nyigisho y'uruhererekane iba nziza iyo imibanire myiza hagati y'umukristo mushya n'uwo bigana ikura.

## 6. Andika uko guhura kwanyu byagenze

Koresha uburyo bwo "Kwandika uko guhura kwanyu byagenze." Nyuma ya buri somo, andika incamake y'uko ryagenze. Ibi bigufasha kwibuka ibyifuzo byo gusengera byihariye no kubwira umushumba wawe cyangwa umukuru w'urubyiruko amakuru mashya y'umukristo mushya.

## 7. Nyuma y'isomo rya nyuma

- Tanga seritifika iriho umukono wawe, uw'umushumba wawe (cyangwa umuyobozi w'urubyiruko). Umushumba ashobora guhitamo ko muyitangira hamwe mu materaniro.
- Hereza umushumba wawe cyangwa umukuru w'urubyiruko ibahasha irimo amakuru y'ibyo wakoze kugira ngo bamenye ibyo ukora.
- Muganire kuri gahunda yo gukomeza gukura mu mwuka. Mushishikarize kuguma mu itorero no mu itsinda ry'urubyiruko, kandi atekereze uko yatangira itsinda rito ryo kwiga Bibiliya, ryo gusengeramo no kuganiriramo.
- Fata umwanya wo gushimira Umwami waguhaye amahirwe yo gufasha umuntu gukura akaba umwigishwa wa Yesu Kristo.

Izina ______________________________ Italiki ______________

# Isomo rya 1

## Byangendekeye gute?

### Ubuzima nyakuri

Igihe Jason yamenyaga Damon, yishimiye uko Damon yari abayeho. Damon yari atandukanye n'abantu bose yahuye na bo. Igihe ababyeyi ba Jason bahukanaga, Damon yamubaye hafi, amutega amatwi kandi aramuhumuriza kurusha izindi nshuti ze. Mu biganiro byabo, Damon yavuze uburyo ubushuti bwe na Yesu Kristo bwahinduye byinshi mu buzima bwe. Yabajije Jason niba yifuza ubwo bushuti buhindura ubuzima bwe. Jason yaremeye maze asengana na Damon isengesho rigufi. None Jason afite ikibazo kimwe: "Ndabizi narasenze. Ndabizi ko hari impinduka zabayeho, ariko se mu by'ukuri ni iki cyambayeho kikampindura?"

### Ishakiro ry'ibyanditswe

Shaka ibisubizo ku bibazo bikurikira byo muri Bibiliya.

Niba udafite Bibiliya, hari inshuti z'abakristo n'amatorero bakwishimira kugufasha kuyibona.

Mu gihe umurongo wanditswe nk'uku Yohana 1:12, bisobanura ko ujya mu Gitabo cya Yohana, igice cya 1, umurongo wa 12. Ishakiro iri kuri Bibiliya yerekana nomero ya paji ya buri gitabo. Shakira igisubizo muri Bibiliya maze ucyandike mu magambo yawe.

1. Igihe nahamagarirwaga kwakira Kristo, nahindutse ______________ w'Imana (*Yohana 1:12*).
2. Kuza kwa Kristo mu buzima bw'umuntu ni umubano wihariye uvugwa na Kristo mu Ibyahishuwe 3:20.
   a. Ni nde ukomanga ku rugi? (*Reba Ibyahishuwe 1:1 umenye uwo ari we.*) ______________
   b. Ni nde witaba ijwi rye kandi akamukingurira? ______________
   c. Ashaka ko nkora iki? ______________
   d. Akora iki iyo nkinguye urugi? ______________
   e. Nkingura urugi gute? (*Reba Ibyahishuwe 3:19.*) ______________
   f. Wamaze gukingura urugi? ______________
   g. Yesu Kristo ari he kano kanya? ______________
3. Ni gute Kristo yaje kudushaka no kudukiza? (*Luka 19:10*) ______________
4. Ushingiye ku Abaroma 3:23, kuki twari twarayobye? ______________
5. Igihano cyangwa ibihembo by'ibyayaha ni iki ushingiye kuri Bibiliya? (*Abaroma 6:23*) ______________
6. Ushingiye ku Abaroma 5:8-9, ni nde wamaze gupira ibyaha byanjye? (*Reba Yesaya 53:6 umenye byinshi.*) ______________
7. Igihe naturaga ibyaha byanjye, ni iki Imana yakoze? (*1 Yohana 1:9*) (*Icyitonderwa: 1 Yohana, ni urwandiko rwitwa "Yohana wa Mbere" ruri ku musozo w'Isezerano Rishya. Ni rumwe mu nzandiko za Yohana kandi rutandukanye n'Ubutumwa bwiza bwa Yohana biboneka mu ntangiriro z'Isezerano Rishya.*) ______________
8. Ca umurongo ku magambo yo muri Yesaya 55:7 akubwira icyo ugomba gukora mu gihe watuye ibyaha by'ukuri.

   *"Umugome nareke imigenzereze y'ubugome, inkozi y'ibibi nireke ibitekerezo byayo bibi. Nibagarukire Uhoraho azabagirira impuhwe, nibagarukire Imana yacu izabaha imbabazi zisesuye."*

9. Ushingiye ku Abefeso 2:8-9, tubona agakiza gute? (Shyira akamenyetso ku gisubizo cy'ukuri):
   - ☐ *a.* Gukora ibintu byinshi byiza
   - ☐ *b.* Kugerageza gukora neza
   - ☐ *c.* Kwemera imbabazi z'Imana ku bwo kwizera

10. Tumaze kwakira agakiza no kuba ibyaremwe bishya muri Kristo, Imana iba idufitiye iyihe ntego? (*Abefeso 2:10*) ____________________

11. Tumenya Imana binyuze kuri nde? (*Yohana 14:6, 9*) ____________________

12. Soma 1 Yohana 5:13. Bimera bite ku bizera Yesu Kristo, Umwana w'Imana by'ukuri?
    - ☐ *a.* Biringira ko bafite ubugingo buhoraho
    - ☐ *b.* Batekereza ko bafite ubugingo buhoraho
    - ☐ *c.* Bazi neza badashidikanya ko bafite ubugingo buhoraho

13. Niba mpfuye iri joro, najya he? (*Yohana 6:45-47*) ____________________

## Ibibazo mfite kuri iri somo

____________________

## Gushyira mu bikorwa

1. Andika interuro ngufi ivuga uko wamenye ko uri umwana w'Imana.____________________

2. Noneho ko maze kuvuka ubwa kabiri mu buryo bw'umwuka no kuba umwana w'Imana (*Yohana 3:3-7*), nzakenera kurya kugira ngo nkure. Ni ikihe kintu cya mbere nkeneye kurya? (*Matayo 4:4*) ____________________

### *Hano hasi hari inama nziza. Shyira akamenyetso ku cyo ukoze cyose:*

- ☐ Soma Bibiliya yawe buri munsi. Icyo ni cyo kintu cya mbere ukwiye kurya. Tangirana n'Ubutumwa bwiza bwa Yohana—igice kimwe cyangwa imirongo mike buri munsi. Ibibazo byinshi byo mu bice byitwa "Ishakiro ry'Ibyanditswe" ni ibyo muri Yohana.
- ☐ Senga buri munsi. Vugana n'Imana ubikuye ku mutima.
- ☐ Itabire amateraniro igihe cyose bishoboka. Reba ko itorero usengeramo ryigisha Bibiliya kandi riha icyubahiro Kristo.
- ☐ Fata mu mutwe icyanditswe. Zaburi 119:11 havuga ngo, "Ibyo wavuze mbihoza ku mutima, kugira ngo ntagucumuraho." Gufata mu mutwe icyanditswe bidufashe kumvira Imana. Zirikana gufata mu mutwe umurongo wo kuzirikana muri buri somo.
- ☐ Umvira Imana. Niba utizeye neza ko ikintu ari cyo cyangwa atari cyo, ibaze ngo, "Yesu yari gukora iki?"
- ☐ Hamya. Bwira umuntu icyo Umwami yagukoreye.

## Umurongo wo gufata mu mutwe

*Dore mpagaze ku rugi ndakomanga, unyumva wese agakingura nzinjira iwe nsangire na we, na we kandi asangire nanjye. (Ibyahishuwe 3:20)*

## Urugendo rwanjye rw'umwuka

____________________

Noneho wasobanukiwe neza "ibyambayeho." Ariko, iyi ni intangiriro y'urugendo rwawe rukomeye—haracyari byinshi!

Izina ______________________________ Italiki ______________

# Isomo rya 2

# Kugendana n'Imana

## Ubuzima nyakuri

Jason ariyumva nabi. Aheruka kuba umukristo, kandi yabonye impinduka zikomeye mu buzima bwe. Ariko, aracyahanganye n'imwe mu myitwarire n'ibikorwa bye. Yumva ababajwe n'uburyo yitwaye nabi kuri nyina ubwo yamusabaga inshuro eshatu gukora imirimo yo mu rugo. Jason aribaza ati, "umaze kuba umukristo, ni gute ubaho nk'umukristo?" Ahari nawe wigeze kwibaza icyo kibazo.

Umwana akimara kuvuka mu buryo bw'umubiri, agomba gutangira gukura harimo no kwiga kugenda. Uko ni ko kuri no mu buryo bw'umwuka. Umwana w'Imana yiga kugendana n'Imana—intambwe imwe ku yindi.

## Ishakiro ry'ibyanditswe

1. Mu gihe usoma Ubutumwa bwiza bwa Yohana ushobora kubona amagambo atandukanye asobanura kugendana n'Imana. Ayandi magambo ni ayahe?
   a. Yohana 8:12 ______________________________
   b. Yohana 1:37 ______________________________
   c. Yohana 2:5 ______________________________
   d. Yohana 5:14 ______________________________
2. Ni nde urwanya urugendo rwacu n'Imana? (*1 Petero 5:8*) ______________________________
3. Ni iki umwanzi yakoze muri Matayo 4:1? ______________________________
4. Yesu yemeye gushukwa? (*Abaheburayo 4:15*) ______________________________ igishuko n'icyaha ni kimwe? ______________________________
   (Igishuko kibaza kiti, "Wabikora?" Icyaha kikavuga kiti, "Nabikora"—kandi kikabikora.)
5. Ni iki dukwiye gukora igihe umwanzi aduteye? (*Yakobo 4:7*) ______________________________
6. Yesaya 59:2 havuga ngo, "hubwo ni ibicumuro byanyu byabatandukanyije n'Imana yanyu, ni ibyaha byanyu byatumye itabitaho, ni byo byatumye itabumva." Ikintu kimwe gishobora kuntandukanya n'Imana ni iki? ______________________________
7. Umukristo mu mbaraga za Kristo ashobora kwirinda gucumura abigambiriye? (*1 Yohana 3:9*) ______________________________
8. Niba umukristo acumuye, ni iki akwiriye gukora ushingiye muri 1 Yohana 1:9 na 2:1? (shyira akamenyetso ku gisubizo cy'ukuri)
   - ☐ *a.* Kuvuga ko nta kindi yakora keretse gucumura.
   - ☐ *b.* Guhisha icyaha cye no kwerekana ko ntacyabaye.
   - ☐ *c.* Gusanga Yesu Kristo ako kanya, kwatura icyaha, no gukomeza kubaho yumvira Imana.
9. Niba umukristo acumuye maze akatura, Imana ikora iki? (*1 Yohana 1:9*) ______________________________
10. Ushingiye kuri Yohana 14:21, gukurikiza amategeko ya Kristo byerekana iki? ______________________________
11. Soma Yohana 10:27-29 maze usubize ibi bibazo:
    a. Ni nde ufite ubugingo buhoraho kandi urinzwe n'imbaraga z'Imana? ______________________________

b. Kugira ngom be intama ya Kristo (umurongo wa 27), ngomba kumva ijwi rye, kumenywa na we, ikindi? ____________
________________________________________________________________________________

## Ikibazo mfite kuri iri somo

________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________

## Gushyira mu bikorwa

1. Kugendana n'Imana! Ibi bisobanura kwirinda ibishuko, kumvira Imana, no gukurikira Yesu. Imana isezeranya ko nidushukwa, izaducira akanzu tukabasha kuva mu gishuko cyangwa kucyihanganira. (*1 Abakorinto 10:13*)
2. Mu magambo yawe, sobanura icyaha icyo ari cyo (*reba 1 Yohana 3:4 na Yakobo 4:17*). ________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
3. Ni ikihe gice cy'ubuzima wumva ushukwamo cyane? ________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
4. Ni izihe ngamba wafashe kugira ngo urwanye ibishuko kandi wumvire Imana? ______________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________

## Umurongo wo gufata mu mutwe

*Ntimwigeze muhura n'ikigeragezo na kimwe kidasanzwe mu bantu. Imana ni indahemuka, ntabwo izatuma mugeragezwa n'ibiruta ibyo mwabasha gutsinda. Ahubwo nimugeragezwa izabashoboza kubyihanganira, ibacire n'akanzu ngo mubone uko mubyivanamo. (1 Abakorinto 10:13)*

## Urugendo rwanjye rw'umwuka

________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________
________________________________________________________________________________

Izindi nama ku kubaho ubuzima bwiza bwa gikristo no gukura ziboneka mu isomo rikurikira. Dore uburyo bushya kandi buvuguruye bw'isomo rya 3:

Izina ______________________________ Italiki ______________

# Isomo rya 3

## Kwigishwa n'Imana

### Ubuzima nyakuri

Jason si we wenyine wiga kubaho no kugenda nk'umukristo. Janice, wajyaga gusenga rimwe na rimwe, yatangajwe cyane n'ibyabaye kuri Jason maze asaba Imana imbabazi kandi yongera kwiyemeza kubaho ku bwayo. Ikibazo nyamukuru yari asigaranye ni iki, "Ko mfite ibitekerezo byinshi ku bijyanye n'icyiza n'ikibi, namenya gute icyo Imana ishaka kandi inyifuzaho? Ni gute namenya ukuri?"

Ni gute tumenya ukuri? Iri "Ishakiro ry'ibyanditswe" rizakugeza ku isoko wabonerahо ubushake bw'Imana.

### Ishakiro ry'ibyanditswe

1. Soma Yohana 17:17. Hasobanura gute Ijambo ry'Imana (Bibiliya)? ______________
2. Ni gute Ibyanditswe twahawe bihamya ko ari ukuri? (*2 Timoteyo 3:16*) ______________
3. Ijambo ry'Imana ritugenza gute ushingiye kuri:
   a. 2 Timoteyo 3:14-15 ______________
   b. Yohana 15:3 ______________
   c. Ibyakozwe n'intumwa 20:32 ______________
4. Mu gihe usoma Ubutumwa bwiza bwa Yohana ubasha kubona inyigisho zivuga ku kamaro k'Ijambo ry'Imana:
   a. Kristo yagenje ate ijambo (amategeko) ya Se? (*Yohana 8:55*) ______________
   b. Ijambo ry'Imana (ubutumwa cyangwa ukuri) rifite uwuhe mwanya mu buzima bwa bamwe? (*Yohana 8:37*) ______________
   c. Niba turi ab'Imana, tuzagenza dute ijambo ryayo? (*Yohana 8:47*) ______________
   d. Umwigishwa wa Kristo w'ukuri azagenza ate ijambo (ihishurirwa cyangwa inyigisho)? (*Yohana 8:31*) ______________
   e. Tugomba kugenza gute ijambo (itegeko, inyigisho, cyangwa ibyo Imana yavuze) kugira ngo dukomeze kubaho mu buryo bw'umwuka kandi by'iteka ryose? (*Yohana 8:51*) ______________
5. Niba nkunda Kristo nzakora iki? (*Yohana 14:23*) ______________
6. Soma Yohana 20:31. Kuki jambo ry'Imana ryanditswe? ______________
   Ni iyihe mpano mbona iyo nizeye ibi? ______________
7. Umwanzi ashobora kugerageza kutunesha, ariko Imana yaduhaye intwaro tumutsindisha. Ni "inkota y'Umwuka," ari yo ki? (*Abefeso 6:17*) ______________
8. Ni gute Yesu yarwanyije umubi muri Matayo 4:4, 7, 10? ______________
9. Nshingiye kuri Zaburi 119:11, nkwiriye kugenza Ijambo ry'Imana gute kugira ngo rindinde kuyicumuraho? ______________

## Ibibazo mfite kuri iri somo

______________________________
______________________________
______________________________
______________________________

## Gushyira mu bikorwa

1. Ni ukuhe kuri ko mu Ijambo ry'Imana kumaze kugufasha by'umwihariko? ______________________________
______________________________
______________________________

2. Kuki umukristo akwirite kwiga Bibiliya buri munsi? ______________________________
______________________________
______________________________

## Umurongo wo gufata mu mutwe

*Byo wavuze mbihoza ku mutima, kugira ngo ntagucumuraho. (Zaburi 119:11)*

## Urugendo rwanjye rw'umwuka

______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________
______________________________

Usibye "kwigishwa n'Imana," ufite ayandi mahirwe adasanzwe nk'umukristo ahishurwa mu isomo rikurikira.

Izina ______________________________ Italiki ______________

# Isomo rya 4

# Kuganira n'Imana

## Ubuzima nyakuri

"Uganira n'Imana gute kandi utabasha kuyireba?" Jason yagombaga kwemera ko Mark inshuti ye y'umuturanyi abajije ikibazo cyiza cyane. Mu kwezi kumwe gusa gushize, na Jason yari kuba umwe mu bari kubaza icyo kibazo. None ubu nk'umukristo mushya aragerageza gusubiza. Ariko hari ibihe yumva amasengesho ye ari amagambo asanzwe. Jason aribaza ati, "Ni gute uganira n'Imana utareba, kandi ni gute wabisobanurira inshuti?"

Umwanditsi wa Zaburi yaravuze ngo: "horaho, buri gitondo ujye unyumva, buri gitondo nzajya ngusenga, ntegereze ko unsubiza." (Zaburi 5:4). Reka dushake ibindi bisubizo muri Bibiliya birebana n'igikorwa cyitwa "gusenga".

## Ishakiro ry'ibyanditswe

1. Yesu yizeraga ibijyanye no kugira umwanya wihariye wo gusenga Se? (*Mariko 1:35*) ______________________________
2. Ni ryari nkwiriye gusenga? (*Luka 18:1*) ______________________________
3. Ni iyihe myifatire cyangwa imvugo ikwiye kuranga buri sengesho? (*1 Abatesalonike 5:17-18*) ______________________________
4. Ni iyihe mpamvu nyamukuru ituma isengesho ridasubizwa ushingiye kuri Zaburi 66:18? ______________________________
5. Ni iki kigomba kugena ibyo dusengera? (*1 Yohana 5:14*) ______________________________
6. Hari ibyo wungutse mu Butumwa bwiza bwa Yohana birebana no gusenga?
   a. Ni ayahe mahirwe buri mukristo afite? (*Yohana 16:24*) ______________________________
   b. Intego y'Imana mu gusubiza amasengesho ni iyihe? (*Yohana 14:13*) ______________________________
   c. Ni iki Kristo adusaba kugira ngo asubize ibyifuzo byacu? (*Yohana 15:7*) ______________________________
7. Kugira ngo mbone igisubizo, ni iki ngomba gukora mu gihe nsenga? (*Matayo 21:22*) ______________________________
8. Ni ibihe bintu byihariye nshobora gusengera?
   a. Matayo 6:11 ______________________________
   b. Matayo 9:38 ______________________________
   c. Abafilipi 1:9 ______________________________
   d. 1 Timoteyo 2:1-2 ______________________________
   e. Yakobo 1:5 ______________________________
9. Ni iki gishobora kurinda abakristo "kugwa mu bishuko"? (*Matayo 26:41*) ______________________________
10. Amasengesho meza ni ayakora iki? (Shyira akamenyetso ku gisubizo cyiza)
   ☐ *a.* Akoresha amagambo nyayo y'idini
   ☐ *b.* Yumvikana mu ijwi ryiza kandi ryiyubashye
   ☐ *c.* Aturuka mu ndiba y'umutima

## Ibibazo mfite kuri iri somo

____________________

## Gushyira mu bikorwa

1. Andika ibintu bimwe byihariye wifuza kubwira Imana (ibibazo by'umuryango wawe, by'inshuti zawe, byo ku ishuri, imikoro yawe, n'ibindi...).

2. Washyizeho gahunda yo gusenga ihoraho? Nubwo wakwifuza gusenga umunsi wose, ni ryari kandi ni hehe wifuza gusengera mu gihe cyawe cyihariye cyo gusenga buri munsi. ____________________

## Umurongo wo gufata mu mutwe

*Kugeza ubu nta cyo mwigeze musaba mu izina ryanjye. Musabe muzahabwa kugira ngo ibyishimo byanyu bisendere. (Yohana 16:24)*

## Urugendo rwanjye rwo gusenga

____________________

Ahari ntiwigeze kumenya uburyo kuganira n'Imana ishobora byose ari iby'agaciro gakomeye. Urukundo n'imigisha yaguhaye bituma wifuza kugira icyo ukorera Imana, sibyo?

Izina ______________________________________________ Italiki ____________________

# Isomo rya 5

# Kwiyegurira Imana

## Ubuzima nyakuri

Inshuti umunani zahuraga buri munsi wa kabiri nimugoroba mu gihe cy'ukwezi. Damon, Jason, Janice, n'abandi batanu bakoze itsinda ryo gusenga, kwiga Bibiliya, no guterana intege kugira ngo bakure mu buryo bw'umwuka. Igihe bateranaga bwa nyuma, isengesho rya Angela ryarumviswe. Yamaze igihe agorwa no kumva ubwiza bw'Imana ariko aheruka kubigeraho. Yarasenze ati, "Mana, ubu ndakwizeye rwose, kurusha mbere! Ndifuza kukunezeza, kugukorera, no kukwegurira ibyanjye byose."

Intumwa Pawulo yavuze amagambo nk'ayo agira ati: "Ari ukurya ari ukunywa, cyangwa ari ugukora ikindi kintu cyose, mujye mubikorera guhesha Imana ikuzo." (1 Abakorinto 10:31). Iri somo rihishura uko uku kuri gukora kuri buri wese muri twe.

## Ishakiro ry'ibyanditswe

1. Ushingiye kuri Matayo 22:36-40:
   a. Nkwiye gukunda Imana bingana iki? ____________________
   b. Nkwiye gukunda mugenzi wanjye bingana iki? ____________________

2. Ni gute nerekana urukundo nkunda Imana n'abandi? (*1 Yohana 5:2-3*) ____________________
____________________

3. Yesu yavuze iki ku birebana no kwiyegurira Imana byuzuye n'icyabimuteye?
   a. Kugira ngo akabuto k'ingano kere imbuto nyinshi kagomba gukora iki? (*Yohana 12:24-25*) ____________________
   b. Niba nkorera Yesu Kristo sinite ku nyungu zanjye, Data azakora iki? (*Yohana 12:26*) ____________________

4. Nk'umukristo, mfite imyitwarire mishya mu mibanire y'ubuzima kubera umubano mushya mfitanye n'Imana. Iyo ndi "muri Kristo" (umukristo wunzwe ubumwe na we), ibya kera bisimbuzwa n'ibiki? (*2 Abakorinto 5:17*) ____________________
____________________

   a. Umubano wanjye ku bintu bifatika:

      1) Ubu ndashaka [gutanga] [kugumana] ibintu. (Zengurutsa uruziga ku ijambo ry'ukuri) (Luka 6:38).
      2) Shyira akamenyetso ku myitwarire myiza itatu y'ibintu bihishurwa mu Abefeso 4:28:

         - ☐ Ntukibe.
         - ☐ Kora cyane.
         - ☐ Gufata ibyo nshoboye byose.
         - ☐ Sangira n'abakene.
         - ☐ Imyumvire yanjye nta kamaro.
         - ☐ Gutekereza ibyiza gusa.

   b. Imibanire yanjye mishya n'abandi:
      1) Nkwiye kumera nte ku bandi bantu? (*Abefeso 4:32*) ____________________
      ____________________
      2) Nkwiye [kwanga] [gushaka] (zengurutsa uruziga ku ijambo ry'ukuri) ubusabane bwiza n'abatari abakristo kugira ngo mbashe kubaho ubuzima bwo gukiranuka byuzuye (*2 Abakorinto 6:14*).

   c. Umubano wanjye mushya nanjye ubwanjye:
      1) Mu kwita ku mubiri wanjye no kuwukoresha, ngomba kwibuka ko ari iki? (*1 Abakorinto 6:19*) ____________________
      ____________________
      2) Nkwiye gukoresha iki igihe cyanjye n'amahirwe mfite? (*Abefeso 5:15-16*) ____________________

5. Nkwiye gukunda ______________________________ (*1 Yohana 2:10*),
ariko sinkwiye gukunda ______________________________ (*1 Yohana 2:15-16*).

6. Kuki Imana itwitezeho kuyihesha icyubahiro? (*1 Abakorinto 6:20*) ____________________

7. Bigenda gute iyo mpaye agaciro ubwami bw'Imana mu buzima bwanjye (aho Imana ifite ububasha bwose)? (*Matayo 6:31-33*) ____________________

8. Iyo tweguriye Imana ubuzima bwacu tuyereka ko tuyikunda, ni nde wunguka cyane? (*Mariko 10:28-30*) ____________________

## Ibibazo mfite kuri iri somo

____________________

## Gushyira mu bikorwa

Hari uburyo bwinshi umuntu ashobora kwiyegurira Imana. Andika uburyo butanu bwihariye ushobora kwiyegurira Imana:

1. ____________________
2. ____________________
3. ____________________
4. ____________________
5. ____________________

## Umurongo wo gufata mu mutwe

*Ari ukurya ari ukunywa, cyangwa ari ugukora ikindi kintu cyose, mujye mubikorera guhesha Imana ikuzo. (1 Abakorinto 10:31)*

## Urugendo rwanjye rw'umwuka

____________________

Twize ko bishimishije kwiyegurira Imana. Hari kandi ubundi buryo budasanzwe bwo kwiyegurira Imana igihe tubwiye abandi Kristo nk'ibizwi nko guhamya. Isomo rikurikira ribivugaho.

Izina ______________________________ Italiki ______________

# Isomo rya 6

## Kuvuga Kwizera Kwanjye

### Ubuzima nyakuri

Angela yarishimye mu buzima bwe kuko yumvaga bidashoboka kugeza igihe yiyeguriye Imana byuzuye. Yamenye ko n'abandi bakeneye iyo mpinduka y'umutima yakiriye—by'umwihariko musaza we mukuru, Carl. Angela ahangayikishijwe n'inshuti nshya za Carl n'imyitwarire ye. "Mu by'ukuri sinzi icyo namubwira cyangwa uko namusobanurira uburyo Yesu yahinduye ubuzima bwanjye," Angela yabibwiye inshuti ze n'abo basengana. "Ariko nimunsengera, nizera ko Umwami azanyereka uburyo namubwiriza."

Angela yari amaze kwiga isomo rikomeye: abantu benshi bagira impinduka zikomeye muri Kristo ariko bakirengagiza kubwiriza abandi. Guhamya ni ukuvuga ibyo Kristo yagukoreye.

### Ishakiro ry'ibyanditswe

1. Kristo amaze gukiza uwatewe n'abadayimoni, yamutegetse gukora ikintu kihariye. Ubusobanuro bwo "guhamya" ubona hano ni ubuhe? (*Luka 8:39*) ______________________________

2. Ubutumwa bwiza bwa Yohana bwigisha byinshi byerekeye guhamya:
   a. Guhamya (cyangwa kuvuga ibyo uzi) ni ukuvuga (hitamo kimwe):
      - ☐ *a.* Ibyo wigishijwe ni ukuri.
      - ☐ *b.* Ibyo wumvanye undi muntu.
      - ☐ *c.* Ibyo wabonye kandi wumvise—ibyo uzi. (*Yohana 3:32*)

   b. Ni iki Andereya yakoraga muri Yohana 1:40-41? ______________________________

   c. Yesu avuga ko Imana idusaba gukora uwuhe "murimo"? (*Yohana 6:28-29*) ______________________________

   d. Yesu adusaba gukora iki muri Yohana 15:16? ______________________________

3. Niba kuba umukristo ari cyo kintu cyiza cyane cyakubayeho, ni iyihe mpanzo nziza waha undi muntu? ______________________________

4. Yesu adutegeka gukora iki muri Matayo 28:18-20? ______________________________

5. Ni gute abakristo ba mbere berekanye ko bemeye Kristo? (*Ibyakozwe n'intumwa 8:12, 35-38*) ______________________________

   Wigeze uvuga aya magambo yo kwizera? (Shyira akamenyetso ku gisubizo cyose cy'ukuri)

   ☐ Yego ☐ Ndabitekereza
   ☐ Oya ☐ Sinari nzi ko ari ngombwa

6. Abatizera Kristo babayeho bate? (*Yohana 3:18*) ______________________________

7. Ninkurikira Kristo, yavuze ko azakora iki? (*Matayo 4:19*) ______________________________

8. Nshingiye kuri 1 Petero 3:15, ni gute nakwitegura ngo mpamye Kristo? ______________________________

9. Pawulo yahuriye n'abantu he kugira ngo abasangize inkuru nziza ya Kristot? (*Ibyakozwe n'intumwa 17:17; 20:20*) __________

10. Kuki guhamya kwacu kugomba gushingira kuri Kristo? (*Yohana 14:6*) __________

11. Nk'abahamya ba Kristo, ubutumwa bwacu bukwiye kuba ubuhe? __________
    Yohana 3:16 __________
    Abaroma 6:23 __________
    Abaroma 3:23 __________
    Yesaya 53:6 __________
    Yohana 1:12 __________

12. Iyo umuntu amaze kwemera Kristo, inshingano yacu kuri we ni iyihe? (*Ibyakozwe n'intumwa 14:21-22*) __________

## Ibibazo mfite kuri iri somo

__________

## Gushyira mu bikorwa

1. Mu guhamya harimo ibice bitatu: (1) Ubuzima bwanjye mbere yo kuba umukristo; (2) Uko nabaye umukristo; (3) Icyo Kristo asobanuye mu buzima bwanjye. Andika ubuhamya bugufi ushobora kubwira inshuti yawe.

   __________

2. Andika amazina atatu y'abantu uzi bakeneye Kristo. Basengere maze ushake uburyo wababwiriza.
   1. __________
   2. __________
   3. __________

## Umurongo wo gufata mu mutwe

*"Arababwira ati, "Nimunkurikire nzabagira abarobyi b'abantu." (Matayo 4:19)*

## Urugendo rwanjye rw'umwuka

__________

Ubu ko umenye ko ugomba kubwira abandi ibyerekeye Yesu Kristo, ushobora kumva ufite ubwoba. Ni he uzakura imbaraga zo kuvuga utitaye ku bwoba ufite? Ibyo ni byo bivugwa mu isomo rikurikira.

Izina ______________________________ Italiki ______________

# Isomo rya 7

## Kuzura Umwuka w'Imana

### Ubuzima nyakuri

"Mwami uzi uburyo nshaka kubaho nkumvira. Umbabarire kuko ntitwara neza kenshi. Nifuza mu by'ukuri kukunezeza. Nshaka kwereka abandi icyo kuba umwigishwa wawe w'ukuri ari cyo. Nshaka guhamya nshize amanga mu izina ryawe. Ariko biboneka ko ntsindwa kenshi. Mbese Mwami hari ikibura mu buzima bwanjye?" Iri ni isengesho rya Jason rivuye ku mutima.

Jason si we wenyine wumva ko ashaka gukorera Imana birushijeho ariko akabura imbaraga. Igisubizo kuri uku gushoberwa kirasobanutse: tugomba guhabwa izindi mbaraga z'Imana binyuze mu Mwuka wayo. Ni cyo gituma Pawulo yabwiye abakristo bo mu gihe cye ko bagomba "kuzura Umwuka" (Abefeso 5:18).

### Ishakiro ry'ibyanditswe

1. Yesu yamaze igihe kinini yigisha abigishwa be ibyerekeye Mwuka Wera. Yohana yanditswe bimwe muri iyo nyigisho:
   a. Yesu yavuze ko ari nde uzatuma tumenya Imana mu buryo busendereye (nk'imigezi y'amazi y'ubugingo)? (*Yohana 7:38-39*) ______________________________
   ______________________________
   b. Ni nde uzatwigisha? (*Yohana 14:26*) ______________________________
   c. Umwuka w'ukuri ahamya ibya nde? (*Yohana 15:26*) ______________________________
   d. Ni ryari Umwuka Wera atangira gukora umurimo mu buzima bw'umukristo? (*Yohana 3:5*) ______________________________
   ______________________________
2. Abigishwa ba Kristo bagombaga guhambwa imbaraga zo guhamya nande? (*Ibyakozwe n'intumwa 1:8*) ______________________________
   ______________________________
3. Ni iki Sawuli (Pawulo) yari akeneye mu buryo bw'umwuka, haba na nyuma yo kwemera Kristo? (*Ibyakozwe n'intumwa 9:17*) ______________________________
   ______________________________
   ______________________________
4. Ibihamya byo kutuzura Umwuka mu itorero ry'i Korinto byerekanaga imyitwarire mibi nko kugira ishyari bigaragaza ko bari bakiri abaki? (*1 Abakorinto 3:1, 3*) ______________________________
   ______________________________
5. Ni uwuhe murimo wihariye wa Mwuka Wera udutunganya kandi akatwegurira Imana byuzuye? (*1 Petero 1:2*) ______________________________
   ______________________________
6. Ni iki Yesu yasubiye abigishwa be? (*Yohana 17:17*) ______________________________
   ______________________________
7. Igihe Imana yahaga abakristo ba mbere Mwuka Wera, yakoze iki ku mitima yabo idatunganye? (*Ibyakozwe n'intumwa 15:8-9*)
   ______________________________
8. Ni iki tugomba gukora ku bigize ubuzima bwacu bidatunganye? (*2 Abakorinto 7:1*) ______________________________
   ______________________________
9. Imana ishaka ko kwera kwacu kuzura mu buhe buryo? (ubusemuzi butandukanye bwa Bibiliya bushobora gukoresha amagambo atandukanye ariko asobanura kimwe: "kwera," "gutungana," cyangwa "kwezwa") (*1 Abatesalonike 5:23*) ______________________________
   ______________________________
10. Ni nde "uzangira uwayo rwose"? (*1 Abatesalonike 5:23*) ______________________________
    ______________________________

11. Amategeko ya ________________________ yambohoye "ubuja bwo gutegekwa n'ibyaha n'urupfu." (*Abaroma 8:2*) ________________________

12. Imyitwarire mibi y'Abakorinto yerekanye ko baburaga ikihe kintu cy'ingenzi kiranga ubuzima bw'umukristo? (*1 Abakorinto 13:13*) ________________________
________________________

13. Nshobora kwakira urukundo rw'Imana ruva kuri ________________________ (*Abaroma 5:5*).

14. Nyuma yo kuzura Umwuka Wera, sinkwiye gukomeza kuyoborwa na ________________________, ahubwo nyoborwa na ________________________ (*Abaroma 8:4-5*).

## Ibibazo mfite kuri iri somo

________________________
________________________
________________________
________________________

## Gushyira mu bikorwa

1. Umubano mfitanye na Mwuka Wera ubu umeze gute?

________________________
________________________
________________________
________________________

2. Ubuzima bw'umukristo butunganye kandi bufite imbaraga ni ubwuzuye Umwuka, bugasendera no ku bandi. Wifuza kuzura Umwuka? Dore intambwe enye zabikugezaho:
   - ☐ Saba Imana kukuzuza Mwuka Wera (*Luka 11:13*).
   - ☐ Egurira Imana ubuzima bwawe bwose (*Abaroma 12:1-2*).
   - ☐ Menya ko ukeneye gutunganywa mu mutima (*Ibyakozwe n'intumwa 15:8-9*).
   - ☐ Akira Umwuka weza mu kwizera (*Ibyakozwe n'intumwa 15:8-9; 1 Abatesalonike 5:23-24*).

## Umurongo wo gufata mu mutwe

*Imana ubwayo yo sōko y'amahoro ibagire abayo rwose, irinde buri wese uko ari kose: umwuka n'ubuzima n'umubiri, maze Umwami wacu Yezu Kristo naza azasange mutariho umugayo. (1 Abatesalonike 5:23)*

## Urugendo rwanjye rw'umwuka

________________________
________________________
________________________
________________________
________________________
________________________
________________________
________________________
________________________
________________________
________________________

Turagushimira cyane ku byo umaze kugeraho muri aya masomo no mu rugendo rwawe rwa gikristo. Wihagarara! Kandi wibuke ko utabirimo wenyine. Isomo rikurikira riravuga kuri iyo ngingo.

Izina ______________________________________________ Italiki ____________________

# Isomo rya 8

## Umunyamuryango

### Ubuzima nyakuri

Jason yabonye umuryango. Damon, Janice, na Angela bari muri uwo muryango. Ntibitangaje kuba bari mu kigero kimwe, biga ku ishuri rimwe kandi bafite byinshi bahuriyeho. Ariko, uyu muryango Jason yabonye ni mugari cyane kandi urenze ubushuti busanzwe. Jason yumva nanone asobanye cyane n'abo basigaye basengana, nk'umukecuru w'imyaka 80 witwa Reed n'umuhungu muto w'imyaka witwa Jimmy. Icyo Jason yabonye ni uko iyo ubaye umukristo abandi bakristo by'ukuri bahinduka bene So. Uko ni ko kuri no kuri wowe! Uyu muryango mushya ubarizwamo witwa "Itorero." Zirikana kwereka urukundo rwinshi umuryango wawe w'umwuka.

### Ishakiro ry'ibyanditswe

1. Bibiliya yerekana abigishwa ba Kristo mu buryo butandukanye. Andika ibintu batatu byerekana abigishwa ba Kristo mu Ibyakozwe n'intumwa 11:26:

   a. ____________________

   b. ____________________

   c. ____________________

2. Niba dukwiye gukorera hamwe nk'abakristo, Itorero ryitwa ____________________ (*1 Abakorinto 12:27*).

3. Ni nde mutwe w'Itorero? (*Abefeso 5:23*) ____________________

4. Ni ikihe gikorwa Kristo yakoze kitwereka ko Itorero ari ingenzi kuri we? (*Abefeso 5:25*) ____________________

5. Kugira ngo mbe mu Itorero umubano wanjye na Kristo ugomba kuba umeze gute? (*Abefeso 5:24*) ____________________

6. Ni mu buhe buryo Pawulo yigishije imibereho ye muri Kristo? (*1 Abakorinto 4:17*) ____________________

7. Ubutumwa bwiza bwa Yohana bwakwigishije iki ku byerekeye Itorero?

   a. Ni gute abo mu isi bazamenya ko ndi mu Itorero by'ukuri (umwigishwa wa Kristo)? (*Yohana 13:35*) ____________________

   b. Ni iyihe nshingano yihariye Petero n'abashumba bose babayeho nyuma ye bafite ku itorero? (*Yohana 21:16*) ____________________

8. Soma 1 Abakorinto 11:23-26. Itorero rikomezwa kwizihiza iki gikorwa, cyitwa "Gusangira" cyangwa "Ifunguro ry'Umwami." Iyo dusangira tuba twibuka iki? ____________________

9. Ni gute nkwiye kubana na mwene Data wo mu itorero ryanjye? (*Abagalatiya 6:2*) ____________________

10. Iyo Umwuka Wera ahaye abantu impando zidasanzwe, intego ye aba ari iyihe? (*1 Abakorinto 12:4, 7*) ____________________

11. Amatorero amwe arakomeye kandi agira urukundo ayandi siko bimeze. Muri aya matorero abiri akurikira ni irihe wumva wifuza cyane gufasha cyangwa kubarizwamo? (Shyira akamenyetso kuri rimwe.)
    - ☐ *a.* Itorero ry'i Yerusalemu (*Ibyakozwe n'intumwa 4:32-33*)
    - ☐ *b.* Itorero ry'i Lawodikiya (*Ibyahishuwe 3:14-17*)

12. Abakristo ba mbere bakiriye gute inyigisho y'intumwa, gusabana, kumanyagura umutsima no gusenga? (*Ibyakozwe n'intumwa 2:42*) ____________________

13. Ni iki nkwiye kwitondera niba nifuza kunezeza Umwami? (*Abaheburayo 10:25*) ____________________
    ____________________

## Ibibazo mfite kuri iri somo

____________________
____________________
____________________
____________________

## Gushyira mu bikorwa

1. Ni izihe mpano—impano zihariye—Imana yaguhaye ngo wubake itorero? ____________________
   ____________________
   ____________________

2. Mu kwizera, wabaye umwe na Yesu Kristo, kandi mu buryo bw'umwuka, wabaye umwe n'abandi bakristo nyakuri bose. Ukwiye gutera intambwe yo gushaka itorero ubarizwamo. Ubwo busabane ni ingenzi, kandi inshingano zabwo ni ngari cyane ku buryo abakristo basabwa kuba umwe mu buryo bwose bushoboka. Hamwe n'ubufasha bw'itorero ryawe n'umushumba wawe, uzakomeza gukura muri Kristo. Zimwe mu mpamvu zituma ngomba gushaka itorero ni izi:________
   ____________________
   ____________________
   ____________________

## Umurongo wo gufata mu mutwe

*Twirinde kubura mu materaniro, nk'uko bamwe babigize akamenyero. Ahubwo turusheho gukomezanya, kubera ko umunsi wa Nyagasani wegereje nk'uko mubireba. (Abaheburayo 10:25)*

## Urugendo rwanjye rw'umwuka

____________________
____________________
____________________
____________________
____________________
____________________
____________________
____________________
____________________
____________________
____________________
____________________

Turagushimira cyane kuko wasoje aya masomo! Ibyiza biri imbere mu rugendo rwawe n'Imana!

# *Turagushimira cyane*

IZINA

## Inyigisho za Bibiliya z'Ibanze z'Urubyiruko

UMUSHUMBA

UWO MWIGANYE

ITALIKI

*Ntihakagire ugusuzugura ngo ni uko uri muto. Ahubwo ubere urugero abemera Kristo mu mivugire no mu myifatire, no mu rukundo no mu kwemera Kristo, no mu kugira umutima uboneye.*

1 TIMOTEYO 4:12

# Kwandika uko guhura kwanyu byagenze

Izina ___________________________________________

Telefone ___________________________________________

___________________________________________

___________________________________________

Italiki ___________________________________________

| Nomero y'isomo | Italiki y'ikiganiro | Ibitekerezo |
|---|---|---|
| 1 | | |
| 2 | | |
| 3 | | |
| 4 | | |
| 5 | | |
| 6 | | |
| 7 | | |
| 8 | | |

## Isomo rya 1

*Dore mpagaze ku rugi ndakomanga, unyumva wese agakingura nzinjira iwe nsangire na we, na we kandi asangire nanjye.*

IBYAHISHUWE 3:20

## Isomo rya 2

*Ntimwigeze muhura n'ikigeragezo na kimwe kidasanzwe mu bantu. Imana ni indahemuka, ntabwo izatuma mugeragezwa n'ibiruta ibyo mwabasha gutsinda. Ahubwo nimugeragezwa izabashoboza kubyihanganira, ibacire n'akanzu ngo mubone uko mubyivanamo.*

1 ABAKORINTO 10:13

## Isomo rya 3

*Ibyo wavuze mbihoza ku mutima, kugira ngo ntagucumuraho.*

ZABURI 119:11

## Isomo rya 4

*Kugeza ubu nta cyo mwigeze musaba mu izina ryanjye. Musabe muzahabwa kugira ngo ibyishimo byanyu bisendere.*

YOHANA 16:24

## Isomo rya 5

*Ari ukurya ari ukunywa, cyangwa ari ugukora ikindi kintu cyose, mujye mubikorera guhesha Imana ikuzo.*

1 ABAKORINTO 10:31

## Isomo rya 6

*Arababwira ati: "Nimunkurikire nzabagira abarobyi b'abantu."*

MATAYO 4:19

## Isomo rya 7

*Imana ubwayo yo sōko y'amahoro ibagire abayo rwose, irinde buri wese uko ari kose: umwuka n'ubuzima n'umubiri, maze Umwami wacu Yezu Kristo naza azasange mutariho umugayo.*

1 ABATESALONIKE 5:23

## Isomo rya 8

*Twirinde kubura mu materaniro, nk'uko bamwe babigize akamenyero. Ahubwo turusheho gukomezanya, kubera ko umunsi wa Nyagasani wegereje nk'uko mubireba.*

ABAHEBURAYO 10:25